Repubulika y'u Rwanda

**Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi**

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI N°..001../ 2026 YEREKERANYE N'ITANGWA RY'INYONGERAMUSARURO Z'UBUHINZI (IFUMBIRE MVARUGANDA N'IMBUTO Z'INDOBANURE) ZUNGANIWE NA LETA MU GIHEMBWE CY'IHINGA CYA 2027A KUVA KU ITARIKI YA 01/07/2026 KUGEZA KURI 31/12/2026.**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi**

Ashingiye ku Itegeko N°30/2012 ryo ku wa 01/08/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi mu Rwanda, n'Itegeko N° 005/2016 ryo kuwa 05/04/2016 rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda;

Hagamijwe kandi kongera umusaruro w'ubuhinzi mu gihembwe cy'ihinga cya 2027A ku bihingwa byatoranyijwe, hashyirwa cyane imbaraga mu byanya bigega (*Food Basket Sites*);

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**Umutwe wa mbere: Itangwa ry'ifumbire mvaruganda yunganiwe na Leta**

**Ingingo ya 1**: Ibihingwa Leta izunganira ku ifumbire mvaruganda mu gihembwe cy'ihinga cya 2027A, ni ibi bikurikira: **ibigori, ibishyimbo, ingano, soya, umuceri, ibirayi, imyumbati, urutoki, imboga n'imbuto** (*fruit trees*).

**Ingingo ya 2**: Ibigo by'Abikorera bitandatu (6) bikurikira bifitanye amasezerano n'Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) ni byo byonyine byemerewe gucuruza ifumbire mvaruganda muri gahunda ya Nkunganire ya Leta mu gihembwe cy'ihinga cya 2027A:

| N° | Amazina y'Ikigo | Aho kibarizwa |
|---|---|---|
| 1 | **YARA Rwanda Ltd** | P.O. Box: 3390 Kigali – Rwanda<br>Tel.: +250735 518 740; Email: peter.ngugi@yara.com |
| 2 | **E.T.G INPUTS Ltd** | Tel.: +250 785712598; Email: vishal.patel@etgworld.com |
| 3 | **RWANDA FERTILIZER COMPANY (RFC Ltd)** | Tel.: +250799373114/ 0788306305; Email: a.khanchoufi@ocpafrica.com |
| 4 | **ONE ACRE FUND. / TUBURA** | Tel:+250788358941;Email: susan.asiimwe@oneacrefund.org, info.rwanda@oneacrefund.org |
| 5 | **TRANSTRADE AFRICA Ltd** | Tel: +250788358601<br>Email: dmurekatete@epcafrica.com |
| 6 | **CHIROMO FERTILIZERS Ltd** | Email: meera.paunrana@cflkenya.com<br>Tel: +254733995128 |

Ibi bigo bisabwa kugeza mu gihugu cyangwa gutunganyiriza ifumbire imbere mu gihugu ku gihe no kuyicuruza binyuze ku kigo cyitwa *Agro-Processing Trust Corporation Ltd* (*APTC Ltd*), ndetse no ku bacuruzi b'inyongeramusaruro *(Agrodealers)* bakorera mu mirenge itandukanye y'uturere twose tw'Igihugu.

**Ingingo ya 3**: Mu gihembwe cy'ihinga cya 2027A, nkunganire ya Leta ku kiguzi cy'ifumbire mvaruganda izatangwa ku buryo bukurikira: DAP: 46%; UREA: 45%; NPK 17-17-17: 43%, Kynoplus (*Coated Urea*): 45%; KCL/MOP: 36%; *Micro-nutrient Fertilizers* na *Blends*: 18% - 46%.

**Ingingo ya 4**: Abahinzi bazagura ifumbire mvaruganda ku bacuruzi b'inyongeramusaruro (*Agrodealers*) bo mu Mirenge yabo ku giciro cyunganiwe na Leta ku buryo bukurikira:

**Imbonerahamwe y'ubwoko n'ibiciro by'ifumbire mvaruganda yunganiwe na Leta mu gihembwe cy'ihinga 2027A:**

| # | Ubwoko bw'ifumbire | Igiciro cyose cy'ifumbire (Frw /1kg) | Nkunganire ya Leta (Frw/1kg) | Igiciro ntarengwa ku muhinzi (Frw/1kg) |
|---|---|---|---|---|
| 1 | DAP 18:46:0 | 1,950 | 890 | 1,060 |
| 2 | UREA 46% N (Granular) | 1,980 | 890 | 1,090 |
| 3 | NPK 17:17:17 (Sulphate based/Compound) | 1,861 | 807 | 1,054 |
| 4 | KCL/MOP | 1,179 | 424 | 755 |
| 5 | TSP (0-46-0) | 1,720 | 571 | 1,149 |
| 6 | MAP N 10-12% P205 48-61% | 1,880 | 680 | 1,200 |
| 7 | NPS: 19-38-0+7S | 1,775 | 576 | 1,199 |
| 8 | NPSB: 19-38-7S-0.1B | 1,780 | 578 | 1,202 |
| 9 | Blended NPK 17:17:17 (Tweze) | 1,780 | 780 | 1,000 |
| 10 | Blend PK 31-10 + 8CaO (Twihaze) | 1,500 | 600 | 900 |
| 11 | Blend NPK 15-30-12+5.6S+0.08B+0.1Zn (Ongera+) | 1,800 | 830 | 970 |
| 12 | Blend NPK 13-26-12 +5S+0.07B+0.1Zn (Ongera) | 1,600 | 700 | 900 |
| 13 | Blended NPK 17:17:17 (Unik/Kynoch) | 1,780 | 730 | 1,050 |
| 14 | UREA 46% (*Coated with Sulfur*)/ Kynoplus | 1,990 | 890 | 1,100 |
| 15 | Urea + Sulfur 40N+5.5S (Amidas/ Kynoch Plus) | 1,965 | 750 | 1,215 |
| 16 | NPK23-10-5+S, Zn, Mg (Cereal/Kynoch Powergrow) | 1,758 | 648 | 1,110 |
| 17 | NPK15:9:20+3.8S+1.8Mgo+0.15B+0.2Zn (Winner) | 1,758 | 550 | 1,208 |
| 18 | 15 N +25.6% CaO + 0.3B (Nitrabor/Calcibor) | 1,465 | 260 | 1,205 |
| 19 | CAN 26-0-0 | 1,766 | 650 | 1,116 |
| 20 | 24N-10.7CAO + 6S (Sulfan) | 1,640 | 605 | 1,035 |
| 21 | NPK 13:24:12+7.5S+2MgO (Otesha) | 1,772 | 572 | 1,200 |
| 22 | NPK blend: 17:29:6+7S+0.2Zn (Microp Planting) | 1,933 | 766 | 1,167 |
| 23 | Blend NPK 17:26:12+0.27S+1.9Ca+0.51Zn +0.20B | 1,845 | 714 | 1,131 |
| 24 | NPK Blend: 18:32:9 + 0.27S +0.51Zn +0.20B | 1,955 | 775 | 1,180 |
| 25 | NPK Blended: 18:34:7 + 0.27S +0.51Zn +0.20B | 1,976 | 782 | 1,194 |
| 26 | Blend NPK 17:27:11 + 0.27S +0.51Zn +0.20B | 1,983 | 785 | 1,198 |

**Ingingo ya 5**: Abacuruzi b'ifumbire bashobora kugabanyiriza abahinzi ibiciro ariko ntabwo bemerewe kuzamura ngo barenze ibiciro ntarengwa byashyizweho. Byose bigakorwa hubahirijwe ubuziranenge bw'ifumbire bwemewe. Umucuruzi w'ifumbire (*Fertilizer Supplier*) ugabanyirije abahinzi igiciro (*Discount*) abimenyesha RAB na APTC mu nyandiko.

**Umutwe wa 2: Itangwa ry'imbuto z'indobanure zunganiwe na Leta**

**Ingingo ya 6**: Ibihingwa Leta izunganira ku mbuto z'indobanure zituburirwa imbere mu gihugu mu gihembwe cy'ihinga cya 2027A ni **Ibigori, Soya n'Ingano**.

**Ingingo ya 7**: Ibigo by'Abikorera makumyabiri na bitandatu (26) bikurikira, bifitanye amasezerano n'Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) ni byo byonyine byemerewe gucuruza imbuto z'indobanure ku bahinzi muri gahunda ya Nkunganire ya Leta mu gihembwe cy'ihinga cya 2027A:

| # | Izina ry'Ikigo | Aho kibarizwa |
|---|---|---|
| 1 | DERN Seed Company | Musanze, Tel.: +250788655500 |
| 2 | WESTERN SEED CO. Ltd. | Kigali, Tel.: +250781723385/+250782745270<br>Email: rwanda@westernseedcompany.com |
| 3 | UNICOOPAGI | Nyamagabe, Tel.: +250788467349 |
| 4 | RUMBUKA Seeds Ltd | Kamonyi, Tel.: +250788641335/ 738641335 |
| 5 | Coop IABM | Muhanga, Tel.: +250788485983 |
| 6 | ONE ACRE FUND. /Tubura. | Kigali; Tel.: +250788358941,<br>Email: susan.asiimwe@oneacrefund.org |
| 7 | E&B Seed Company Ltd | Kayonza, Tel.: +250788673695/ 0788400079 |
| 8 | TRI-SEEDS Ltd | Kigali, Tel.: +250788520914 |
| 9 | Top Quality Seed Production Ltd | Kayonza, Tel.: +250788682337 |
| 10 | I&J Harvest Limited | Rwamagana, Tel.: +250788446648 |
| 11 | RISCO Ltd | Nyagatare, Tel.: +250788463749 |
| 12 | KGB Ltd | Gasabo, Tel.: +250788306812 |
| 13 | Kenya Seed Co Rwanda Ltd | Gasabo, Tel.: +250786870213 |
| 14 | API Ltd | Nyagatare, Tel.: +250788753766 |
| 15 | Seeds of Trust Ltd | Nyagatare, Tel.: +250788513527 |
| 16 | Bold Seeds Company Ltd | Nyagatare, Tel.: +250788739552 |
| 17 | CODERNYA IBAKWE | Gicumbi, Tel.: +250783412454 |
| 18 | RWASMO Ltd | Kigali, Tel.: +250788542368 |
| 19 | ETG Inputs Ltd | Kigali, Tel.: +250785712598; Email:<br>vishal.patel@etgworld.com |
| 20 | Eastern Seed Solution Company Ltd | Gatsibo, Tel: 0788486454/ 0788758246 |
| 21 | NAICO | Kirehe, Tel.: +250788363700 |
| 22 | KOPABINYA | Nyamagabe, Tel.: +250788628187 |
| 23 | AGRISEEDS Ltd | Kirehe, Tel.: +250788308678 |
| 24 | AGRIVISTA SUPPLY Ltd | Kayonza, Tel.: +250788449457 |
| 25 | KT AGRO BUSINESS CO. | Bugesera, Tel.: +250788208978 |
| 26 | DRD Agri Business Ltd | Musanze, Tel.: +250788424498 |

**Imbonerahamwe y'ubwoko bw'imbuto z'indobanure ziri muri Nkunganire ya Leta mu gihembwe cy'ihinga 2027A:**

**7.1. Ibiciro by'imbuto y'ibigori ya *Hybrid* iterwa mu misozi miremire:**

| **Ubwoko bw'imbuto (*Variety*)** | **Ikiguzi cyose cy'imbuto (*Frw/kg*)** | **Nkunganire ya Leta (*Frw/kg*)** | **Igiciro ntarengwa ku muhinzi (*Frw/kg*)** |
|---|---|---|---|
| RHMH1601, RHMH1611 | 2,585 | 1,800 | 785 |
| WH605/508 | 3,800 | 1,800 | 2,000 |

**7.2. Ibiciro by'imbuto y'ibigori ya *Hybrid* iterwa mu bice by'imisozi iringaniye n'imigufi igira imvura ihagije:**

| **Ubwoko bw'imbuto (*Variety*)** | **Ikiguzi cyose cy'imbuto (*Frw/kg*)** | **Nkunganire ya Leta (*Frw/kg*)** | **Igiciro ntarengwa ku muhinzi (*Frw/kg*)** |
|---|---|---|---|
| RHMH1520 | 2,585 | 1,800 | 785 |
| RHM104, RHM1402, RHM1407, RHM1409 | 2,585 | 1,800 | 785 |
| APIS610/630 | 2,750 | 1,800 | 950 |
| MUH01 | 3,000 | 1,800 | 1,200 |
| ETG M601 | 3,400 | 1,800 | 1,600 |
| WH505/507/403/504/508 | 3,800 | 1,800 | 2,000 |
| AG431 (WE3106)/ AG551 (WE5115) | 3,800 | 1,800 | 2,000 |

**7.3. Ibiciro by'imbuto y'ibigori ya "*Hybrid*" iterwa mu misozi migufi no mu bibaya:**

| **Ubwoko bw'imbuto (*Variety*)** | **Ikiguzi cyose cy'imbuto (*Frw/kg*)** | **Nkunganire ya Leta (*Frw/kg*)** | **Igiciro ntarengwa ku muhinzi (*Frw/kg*)** |
|---|---|---|---|
| RHM1407, RHM1409, RHM104, RHM1402 | 2,585 | 1,800 | 785 |
| WH505/507/403/101/301 | 3,800 | 1,800 | 2,000 |
| APIS610 | 2,750 | 1,800 | 950 |
| AG431 (WE3106)/ AG551 (WE5115) | 3,800 | 1,800 | 2,000 |

**7.4. Ibiciro by'imbuto ya Soya:**

| **Ubwoko bw'imbuto (*Variety*)** | **Ikiguzi cyose cy'imbuto (*Frw/kg*)** | **Nkunganire ya Leta (*Frw/kg*)** | **Igiciro ntarengwa ku muhinzi (*Frw/kg*)** |
|---|---|---|---|
| **Imbuto ifite icyemezo (*Certified Seed* ):** | | | |
| Peka6/SB24/ RWASOY20-1 kugeza ku 8 | 1,500 | 645 | 855 |
| **Imbuto ifite ubwiza bwemewe (*Quality Declared Seed*):** | | | |
| Peka6/SB24/ RWASOY20-1 kugeza ku 8 | 1,350 | 580 | 770 |

**7.5. Ibiciro by'imbuto y'Ingano:**

| Ubwoko bw'imbuto (*Variety*) | Ikiguzi cyose cy'imbuto (*Frw/kg*) | Nkunganire ya Leta (*Frw/kg*) | Igiciro ntarengwa ku muhinzi (*Frw/kg*) |
|---|---|---|---|
| **1. Imbuto ifite icyemezo (*Certified Seed*)** | | | |
| Nyaruka, Gihundo, Rengerabana, Cyumba, Reberaho, Majyambere, Keza, Mizero, Kibatsi, Nyangufi, KS Njoro II, KS Mwamba, KS Chozi | 1,550 | 700 | 850 |
| KS Njoro II, KS Mwamba, KS Chozi | 1,650 | 700 | 950 |
| **2. Imbuto ifite ubwiza bwemewe (*Quality Declared Seed*)** | | | |
| Nyaruka, Gihundo, Rengerabana, Cyumba, Reberaho, Majyambere, Keza, Mizero, Kibatsi, Nyangufi, | 1,350 | 600 | 750 |
| KS Njoro II, KS Mwamba, KS Chozi | 1,450 | 600 | 850 |

Abacuruzi b'imbuto bashobora kugabanyiriza abahinzi ibiciro, ariko ntabwo bemerewe kuzamura ngo barenze ibiciro ntarengwa byashyizweho. Byose bigakorwa hubahirijwe ubuziranenge bw'imbuto bwemewe. Umucuruzi w'imbuto (*Seed Supplier*) ugabanyirije abahinzi igiciro (*Discount*) abimenyesha RAB na APTC mu nyandiko.

**Umutwe wa 3: Inshingano ku bagira uruhare mu itangwa ry'ifumbire n'imbuto byunganiwe na Leta**

**Ingingo ya 8**: Abahinzi bagomba kubanza kwiyandikisha bakoresheje ikoranabuhanga rya "***Smart Nkunganire System-SNS***", bakagaragaza ibyo bakeneye ku mbuto n'ifumbire byunganirwa na Leta. Umuhinzi yiyandikisha akoresheje telefoni ye igendanwa, naho utayifite akiyandikisha akoresheje telefone y'umwe mu bagize umuryango we, iy'Umujyanama w'ubuhinzi n'abandi bamamazabuhinzi. Umuhinzi yiyandikisha anyuze kuri ***774#**, ubundi agakurikiza amabwiriza.

Amakuru umuhinzi ashyira muri sisitemu ya SNS harimo: **nimero y'indangamuntu** na nimero iranga ubutaka ahingaho (***UPI***) iyo ihari, haba ku butaka bwe bwite, ubwo yatisha cyangwa akodesha. Ubusabe bw'umuhinzi bwemezwa na Agronome w'Umurenge.

**Ingingo ya 9**: Abacuruzi b'inyongeremusaruro/Agrodealers basabwa gukoresha uburyo bwa **MOPA** "*Mobile Ordering Processing Application*" bushamikiye kuri SNS mu kurangura no gucuruza imbuto n'ifumbire byunganiwe na Leta.

**Ingingo ya 10**: APTC igomba kugirana amasezerano yihariye y'imikoranire n'ibigo by'abikorera bicuruza imbuto n'ifumbire (Suppliers). APTC kandi igomba kugirana amasezerano n'abacuruzi b'inyongeramusaruro (Agrodealers) bakora muri gahunda ya Nkunganire ya Leta; bemezwa cyangwa bagakurwaho n'ubuyobozi bw'Akarere bushingiye kuri raporo y'isesengura rikorwa n'itsinda rigizwe n'abakozi b'Akarere, RAB na APTC.

**Ingingo ya 11**: APTC, k'ubufatanye n'izindi nzego bireba, ifite inshingano zo kugenzura no gukurikirana uburyo ifumbire mvaruganda n'imbuto z'indobanure byunganiwe na Leta zigera ku bacuruzi b'inyongeramusaruro n'abahinzi. APTC kandi, isabwa gukumira uburyo bwose bwa magendu mu micururize n'imikoreshereze y'inyongeramusaruro.

**Ingingo ya 12**: Itsinda ry'Akarere, APTC na RAB rikora igenzura ku mitangire y'inyongeramusaruro zunganiwe na Leta, hasurwa abacuruzi b'inyongeramusaruro nibura inshuro imwe mu gihembwe cy'ihinga, hagakorwa ibarura ry'ingano y'ifumbire n'imbuto biri mu bubiko, imicururize ndetse n'ubuziranenge bwazo.

**Ingingo ya 13**: Hagamijwe kwihutisha ndetse no gutanga service nziza, uburyo bw'ikoranabuhanga bwa *Smart Nkunganire System (SNS)*, buzajya bukoreshwa mu kwemeza inyandiko zose no kuzihererekanya by'umwihariko "*Delivery Notes* na *Invoices*" kugeza zishyikirijwe Akarere, kugirango zishyurwe. Hagomba kandi, kubikwa inyandiko zose zizifashishwa mu igenzura ry'imikoreshereze y'imari ya Leta igenewe nkunganire ku ifumbire n'imbuto.

**Ingingo ya 14**: Abagura n'abagurisha inyongeramusaruro bose, inzego zishinzwe kwishyura Nkunganire n'izishinzwe ikurikirana ku mikoresherezwe y'inyongeramusaruro barasabwa gukoresha ikoranabuhanga rya SNS, keretse igihe ryahagaze ku mpamvu zitandukanye, bityo hakifashishwa uburyo bw'impapuro, kandi bikemezwa n'umukozi w'urwego rw'Akarere, RAB na APTC babifite mu nshingano.

**Ingingo ya 15**: Binyuze muri SNS, ***Bordereau d'expedition/ Delivery note*** zigenzurwa kandi zikemezwa n'Umucuruzi w'inyongeramusaruro (*Agrodealer*), umukozi wa APTC kuri stock, umukozi wa rwiyemezamirimo utanga imbuto n'ifumbire (*Supplier*) kuri stock hamwe n'umukozi ushinzwe ubuhinzi ku murenge inyongeramusaruro yatanzwemo.

**Ingingo ya 16**: Akarere kishyura Nkunganire ya Leta yose (*100% subsidy contribution*) ku mbuto n'ifumbire byageze mu Murenge, hashingiwe ku nyemezabwishyu, amasezerano yo kugemura inyongeramusaruro na **"*Delivery* note"** yemejwe n'inzego zose bireba.

**Ingingo ya 17**: Ubuyobozi bw'Umurenge n'Akagari burasabwa gukorana no gukurikiranira hafi imikorere y'abacuruzi b'ifumbire n'imbuto z'indobanure mu Mirenge n'Utugari twabo. Ku bufatanye bw'ubuyobozi bw'Akarere na APTC, abacuruzi b'inyongeramusaruro batubahirije ibisabwa barasimburwa.

**Ingingo ya 18:** Umucuruzi w'ifumbire n'imbuto agomba kugira ububiko (*warehouse*) bwujuje ibyangombwa byose bisabwa harimo kuba hatemberamo umwuka uhagije n'udutanda (*Palettes*) duterekwaho imifuka y'ifumbire kimwe n'iy'imbuto, byose bikabikwa ku buryo bwujuje ubuziranenge.

**Umutwe wa 4: Ingingo zisoza**

**Ingingo ya 19**: Ibiciro by'ifumbire mvaruganda n'imbuto z'indobanure bigomba kumanikwa ku miryango y'amaduka y'abacuruzi b'inyongeramusaruro (*Agro-dealers*), ku biro by'Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze, ku biro bya Koperative z'abahinzi n'ahandi hose hahurira abahinzi benshi.

**Ingingo ya 20**: Umuntu wese uzafatwa anyereza cyangwa akoresha ifumbire n'imbuto icyo bidateganyirijwe azahanwa hakurikijwe amategeko. Abarebwa n'aya mabwiriza bose barasabwa kubahiriza ibiteganywa n'Itegeko N° 30/2012 ryo ku wa 01/08/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi, n'Itegeko N° 005/2016 ryo kuwa 05/04/2016 rigena imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda.

**Amabwiriza atangiye kubahirizwa ku munsi ashyiriweho umukono.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 01/07/2026.

**Dr. Telesphore NDABAMENYE**
**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi**